# IBIBAZO BYIBAZWA CYANE KU MUSORO KU NYUNGU





# NI BANDE BASONEWE KUMENYEKANISHA UMUSORO KU NYUNGU?

**Umuntu ntasabwa gukora imenyekanisha ry'umusoro rya buri mwaka iyo:**

- Abona gusa umusaruro ukomoka ku murimo
- Abona gusa umusaruro ku ishoramari ufatirwaho umusoro.

3004 @rrainfo Rwanda Revenue Authority Rwanda Revenue — HERE FOR YOU TO SERVE — RRA



# KWEMEZA IBYATUNZE UMWUGA BIKORWA RYARI?

Kwemeza ibyatunze umwuga bireba imenyekanisha ry'umusoro ku nyungu z'isosiyete cyangwa umuntu ku giti cye, **bakora imenyekanisha hagendewe ku nyungu nyakuri.**

3004 @rrainfo Rwanda Revenue Authority Rwanda Revenue
HERE FOR YOU TO SERVE
RRA



## HASHINGIRWA KU KI KUGIRA NGO UMUNTU ASORE KU NYUNGU NYAKURI?

Bisaba ko usora aba afite igicuruzo kiri **hejuru ya Frw 20,000,000**, kandi yanditse **ku musoro ku nyungu nyakuri** cyangwa akaba yifuza kumenyekanisha umusoro ku nyungu nyakuri nubwo yaba atagejeje kuri icyo icuruzo.

3004 @rrainfo Rwanda Revenue Authority Rwanda Revenue
HERE FOR YOU TO SERVE
RRA



# NI IKI KIGENDERWAHO KUGIRA NGO IBYATUNZE UMWUGA BYEMERWE ?

Mu imenyekanishamusoro, ibyatunze umwuga bikurwa mu musaruro usoreshwa ni **ibiteganywa n'itegeko bifitiwe impapuro zirimo fagitire za EBM, imenyekanisha ryo muri Gasutamo n'imisoro ifatirwa.**



## NI GUTE USORA YABONA AMAHUGURWA KU BIJYANYE NO KUMENYEKANISHA UMUSORO KU NYUNGU WA 2024 N'IBYATUNZE UMWUGA?

Ubusabe bwose bw'amahugurwa bwohererezwa Ishami rifite mu nshingano guhugura abasora cyangwa ishami ry'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro muri buri Karere. Ushobora no gusura YouTube Channel ya RRA ukareba video yitwa **"DORE UKO WAMENYEKANISHA UMUSORO KU NYUNGU WA 2024"**



# NI GUTE WAKURIRWAHO UMUSORO WEMEREWE NK'UMUSHORAMARI?

Kugira ngo ubone ubworoherezwe ku misoro nk'umushoramari cyangwa kugabanyirizwa imisoro nk'uko biteganywa n'amategeko y'imisoro, **ugomba kwimenyekanisha buri mwaka no kugira icyemezo cy'ubworoherezwe bw'ishoramari cyangwa ibaruwa yemejwe na RRA.** Iyo byakozwe, abamaze kwigaragaraza gusa babona ku ifishi y'imenyekanishamusoro imirongo yuzuzwa.

3004 @rrainfo Rwanda Revenue Authority Rwanda Revenue

HERE FOR YOU TO SERVE

RRA



# ESE UZAGUMA GUKORESHA UMUGEREKA (LEDGER) KU BYATUNZE UMWUGA BIDAFITE EBM,DMC CG WOP?

**Oya, guhera 01/01/2025 ubu bwoko bw'ibyatunze umwuga buzajya bwandikwa buri munsi muri E-tax ndetse n'impapuro zibyunganira nazo zizajya zishyirwamo.** Ku mpera z'umwaka, uburyo bwo kwandika ibyatunze umwuga buri munsi buzajya buhagarikwa.



## KUKI BANKI ZITANDIKA AMAKURU YOSE Y'UMUKIRIYA BAFATIRIYE?

**Abakiriya bagomba kuvugana na banki zabo kugira ngo zigaragaraze amakuru yabo konti zabo** mu gihe cy'imenyekanishamusoro kugira ngo ibyatunze umwuga byabo byemerwe



# IMISORO N'AMAHORO BYEGURIWE INZEGO Z'IBANZE BYABA ARI IBYATUNZE UMWUGA BYEMEWE?

**Yego, imisoro n'amahoro byeguriwe inzego z'ibanze nayo ibarwa nk'ibyatunze umwuga byemewe.** Kuri ubu aho urebera ibyaguzwe (View purchases) uzajya usangamo imisoro yemewe nk'ibyatunze umwuga



## UMUSORO KU MUTUNGO UTIMUKANWA UGURISHIJWE UFATWA UTE KU MUSORO KU NYUNGU?

Umusoro ku mutungo utimukanwa ugurishijwe ubarwa nk'ibyatunze umwuga **ku bamenyekanisha umusoro ku nyungu nyakuri**



## KU BAGOMBA GUTANGA IBITABO BY'IBARURAMARI BYEMEJWE, ESE UWABIGIZE UMWUGA WEMEZA IBITABO BY'IBARURAMARI YEMEREWE KUBITANGA MBERE Y'UKO USORA AKORA IMENYEKANISHA?

**Yego arabyemerewe.** Sisitemu zizahuza imenyekanisha n'ibitabo by'ibaruramari byemewe hashingiwe ku byatanzwe mbere. Uwabigize umwuga ntabwo azasaba ibiranga usora (TIN n'ijambobanga) ahubwo azakoresha ibye

3004 @rrainfo Rwanda Revenue Authority Rwanda Revenue — HERE FOR YOU TO SERVE — RRA



# ESE HARI ABASORA BAFITE IGICURUZO CYA MILIYONI 600 BATEMEREWE KUBONA ICYEMEZO CY'IBITABO BY'IBARURAMARI?

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 1 y'iteka rya minisitiri **Nº004/19/10/TC rya 29/04/2019** rigena umubare w'ibyacurujwe ku mwaka usabwa kugira ngo ibitabo by'ibaruramari byemejwe , **umusoreshwa uranguza inzoga, limonade, soda, imitobe, sima, ucuruza peteroli n'ibiyikomokaho n'ufite ibiro bivunja amafaranga y'amanyamahanga n'ikigo cy'ubugenzuzi** ntibarebwa n'inshingano yo gutanga ibitabo b'ibaruramri byemejwe keretse mu gihe bakomatanya ibikorwa.

3004 @rrainfo Rwanda Revenue Authority Rwanda Revenue — HERE FOR YOU TO SERVE — RRA